
MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI

No 119 Kanama 2016



# ABAGIZE KOMISIYO ISHINZWE ITUMANAHO BEMEJE INSANGANYAMATSIKO Z'IBIGANIRO BIZAGANIRWAHO MU MWAKA WA 2016-2017

*Tariki 19 Kanama 2016, abagize Komisiyo y'Ihuriro Ishinzwe Itumanaho no Kungurana Ibitekerezo mu nama yayo isanzwe, bateranye, basuzuma kandi banemeza raporo y'ibikorwa bya Komisiyo by'umwaka w'ingengo y'imari 2015-2016.*

*Abagize iyi Komisiyo basuzumye kandi banemeza insanganyamatsiko z'ibiganiro bizaganirwaho mu nama y'Inama Rusange mu mwaka w'Ingengo y'Imari 2016/2017 ; banategura amahugurwa agenewe abanyamakuru ku bufatanye na PNUD n'Inama Nkuru y'Itangazamakuru (MHC).*



*Abagize Komisiyo Ishinzwe Itumanaho no Kungurana Ibitekerezo*

Mu gusuzuma raporo y'ibikorwa byayo, Komisiyo yasanze mu bikorwa by'ingenzi yagezeho, ari (1) ugutegura no kuyobora amahugurwa ku Ikoreshwa rya website z'Imitwe ya Politiki; (2) gutegura Inama Nyunguranabitekerezo y'umunsi 1 ku "inganzo y'ibitekerezo bya politiki by'Abanyarwanda muri iki gihe, *"La philosophie politique du Rwanda Actuel"*; (3) gutanga ibitekerezo byakwibandwaho mu gutegura ibikorwa byajya mu nyandiko y'ingamba z'Ihuriro y'imyaka 5 / *Strategic plan (2016-2021)*.

Abagize Komisiyo mu mwaka w'Igengo y'Imari 2015-2016, bateguye kandi amahugurwa agenewe abanyamakuru yo kubongerera ubushobozi mu gusesengura inkuru za politiki, ku bufatanye na MHC, aya mahugurwa akaba agiye gushyirwa mu bikorwa mu gihe cya vuba.

Icyakora, muri uku kwisuzuma, abagize Komisiyo basanze hari ibikorwa byari biteganijwe bitagezweho nko gutegura amahugurwa y'umunsi umwe (1) y'Abayobozi mu Mitwe ya Politiki kuri "*political communication skills*" no gutegura insanganyamatsiko z'ibiganiro byakwibandwaho mu nama z'Inama Rusange z'Ihuriro no gutegura inyandiko zijyanye n'insanganyamatsiko zemejwe;

Muri rusange, abagize Komisiyo bishimiye ko ibikorwa byari byateguwe mu mwaka wa 2015/2016, byagezweho ku kigereranyo gishimishije, bemeza ko ibikorwa bitagezweho bigomba gushyirwa mu bikorwa byo muri uyu mwaka w'ingengo y'imari wa 2016/2017.

Ku ngingo yo gusuzuma no kwemeza insanganyamatsiko z'ibiganiro bizaganirwaho mu nama y'Inama Rusange mu mwaka w'Ingengo y'Imari 2016/2017 ; abagize Komisiyo banogeje inyito yazo, bagaragaza za Minisiteri n'izindi nzego zizatanga ibi biganiro mu nama z'Inama Rusange z'Ihuriro.

Ku ngingo ya gatatu (3) ijyanye no gutanga ibitekerezo ku itegurwa ry'amahugurwa agenewe abanyamakuru azakorwa ku bufatanye na PNUD n'Inama Nkuru y'Itangazamakuru (MHC) mu rwego rwo kungurana ibitekerezo kuburyo bwo gutara, gusesengura, basaba ko akomeza gutegurwa neza kugira ngo azagire umusaruro ushimishije, abagize komisiyo basabye ko hategurwa neza inyandiko nsobanurampamvu yayo mahugurwa, ikumvikanwaho n'inzego zose zizagira uruhare mu itegurwa n'itangwa ry'aya mahugurwa.

Basabye kandi ko buri rwego rwagaragaza uruhare rwarwo kugira ngo hategurwe ingengo y'imari izagenda kuri icyi gikorwa.

Abagize Komisiyo nyuma yo kubwirwa urutonde rw'impuguke zizatanga ibiganiro muri aya mahugurwa, barutanzeho ibitekerezo, basaba ko hari abandi bongerwa mo kuko basabye ko ibi biganiro bizatangwa mu rwego rw'ibiganiro nyungurana-bitekerezo, aho kuba imbwirwaruhame kuko abanyamakuru bazahabwa ubu bumenyi basanzwe bakora aka kazi n'ubwo basabwa kunoza imikorere.



*Umuyobozi wa Komisiyo wungirije Mme Aline NKURUNZIZA ayoboye inama*

## ABAGIZE KOMISIYO ISHINZWE GUKEMURA AMAKIMBIRANE BATANZE IBITEKEREZO KU MUSHINGA W'IVURURWA RY'ITEGEKO RIGENGA IMITWE YA POLITIKI N'ABANYAPOLITIKI



*Tariki 23 Kanama 2016, abagize Komisiyo y'Ihuriro Ishinzwe Gukemura Amakimbirane barateranye mu nama yayo isanzwe bemeza raporo y'ibikorwa bya Komisiyo by'umwaka w'ingengo y'imari 2015-2016, banungurana ibitekerezo ku mushinga w'ivugururwa ry'Itegeko Ngenga N° 10/2013/OL ryo ku wa 11/07/2013 rigenga Imitwe ya politiki n'Abanyapolitiki.*

Umuyobozi w'iyi Komisiyo Hon. TITO RUTAREMARA yibukije abayigize ko mu ntangiriro y'umwaka w'ingengo y'imari wa 2015/2016, Komisiyo yateguye gahunda y'ibikorwa ishingiye ku nshingano zayo no ku igenamigambi ry'ibikorwa by'Ihuriro *(NFPO Action Plan 2015/2016)*, avuga ko iyo gahunda yari ikubiyemo ibikorwa byo (1) gutegura no kuyobora amahugurwa yari agenewe abashinzwe gukumira, kunga no gukemura amakimbirane mu Mitwe ya Politiki ku rwego rw'Igihugu; (2) gufasha abahuguwe ku rwego rw'Igihugu guhugura abashinzwe gukemura amakimbirane ku nzego z'ibanze z'ubuyobozi bw'Imitwe ya Politiki; (3) Kungurana ibitekerezo ku buryo bwo gusakaza *Indangamyitwarire y'Imitwe ya Politiki n'abayoboke bayo* (*Code of conduct*) no guhugura abagize Komite za disipulini mu Mitwe ya Politiki. Muri gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo harimo kandi gutegura imfashanyigisho izakoreshwa mu guhugura abashinzwe gukemura amakimbirane mu Nzego z'ibanze z'ubuyobozi bw'Imitwe ya Politiki; Gusuzuma inyandiko z'amategeko z'Ihuriro zikwiye kuvugururwa zigahuzwa n'igihe; Gutanga ibitekerezo byakwibandwaho mu gutegura Igenamigambi ry'ibikorwa by'Ihuriro by'imyaka itanu (Strategic Plan 2016 – 2021); Kwakira no gusuzuma ikirego ishyikirijwe, gutanga inama zo kugikemura, no gushyikiriza Inama Rusange raporo y'imyanzuro yafashwe.

Mu bikorwa bitagezweho, aha bavuze nko (1) gutegura imfashanyigisho izakoreshwa mu guhugura abashinzwe gukemura amakimbirane mu nzego z'ibanze z'ubuyobozi bw'Imitwe ya Politiki; no (2) gusuzuma inyandiko z'amategeko z'Ihuriro zikwiye kuvugururwa zigahuzwa n'igihe.

Abagize Komisiyo basanze muri rusange ibikorwa byari byateguwe mu mwaka wa 2015/2016, byaragezweho ku kigereranyo gishimishije, bemeza ko ibikorwa bitagezweho bishyirwa muri gahunda y'ibikorwa ya Komisiyo y'umwaka w'ingengo y'imari wa 2016/2017.

Abagize iyi Komisiyo kandi mu bunguranye ibitekerezo ku mushinga w'ivugururwa *ry'Itegeko Ngenga N° 10/2013/OL ryo ku wa 11/07/2013 rigenga Imitwe ya politiki n'Abanyapolitiki*, wateguwe na Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe Ivugururwa ry'Amategeko, basanze hagomba kugaragazwa isobanurampamvu ry'ivugururwa ry'iri tegeko ndetse hakwiriye gusuzumwa n'izindi ngingo bigaragara ko zigomba kuvugururwa zikanononsorwa mbere yo gushyikirizwa izindi Nzego zifite inshingano yo kwemeza iri Tegeko.

Abagize komisiyo basaba ko buri mu Komiseri yacyura kopi y'iri Tegeko kugira ngo arisome yitonze, arisesengure, mu nama itaha hazagaragazwe koko ingingo zikwiye kuvugururwa n'uburyo zizandikwa.

Abagize Komisiyo basaba Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Ihuriro gutegura inama ya Komisiyo idasanzwe yaterana mu gihe cya vuba kugira ngo iri tegeko rishyikirizwe inzego bishinzwe.



*Umuyobozi wa Komisiyo Hon. Tito RUTAREMARA n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro*

## ABAGIZE KOMISIYO ISHINZWE GAHUNDA YASUZUMYE AMASEZERANO Y'IMIKORANIRE HAGATI Y'IHURIRO NA INTERNATIONAL IDEA

*Tariki 25 Kanama 2016, abagize Komisiyo y'Ihuriro Ishinzwe Gahunda, Ibikorwa by'Ihuriro n'Ubufatanye n'Izindi Nzego mu nama yayo isanzwe, bateranye, basuzuma kandi banemeza raporo y'ibikorwa bya Komisiyo by'umwaka w'ingengo y'imari 2015-2016.*

*Abagize iyi Komisiyo kandi bagejejweho banasuzuma amasezerano y'ubufatanye (MoU) hagati y'Ihuriro na "International Institute for Democracy and Electoral Assistance/International IDEA".*



*Abagize Komisiyo Ishinzwe Gahunda*

Ku ngingo ya mbere, abagize Komisiyo basanze mu bikorwa by'ingenzi yari yateganije mu mwaka w'Ingengo y'Imari 2015-2016 ari (1) gukora isesengura ry'akamaro ka gahunda zose z'amahugurwa Ihuriro riteramo inkunga Imitwe ya Politiki ; (2) gutegura ibikorwa byashyirwa mu Nyandiko y'ingamba z'Ihuriro z'imyaka 5; (3) Gushyiraho ingamba zo kongera umutungo w'Ihuriro; Gusuzuma raporo y'ibikorwa n'iy'imikoreshereze y'umutungo w'Ihuriro z'umwaka 2014/ 2015; (4)Gutegura inyandiko ya gahunda y'amahugurwa y'igihe kirekire agenewe Imitwe ya Politiki; (5)Gusuzuma uburyo bwo kumenyekanisha ibikubiye muri Manuel des procegure ku Mitwe ya Politiki, n'abandi bafatanyabikorwa b'Ihuriro.

Nyuma yo gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda, abari mu nama basanze hari igikorwa kimwe kitagezweho bitewe n'igihe aricyo cyo gutegura inyandiko ya gahunda y'amahugurwa y'igihe kirekire agenewe Imitwe ya Politiki.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro yamenyesheje abagize Komisiyo ko tariki ya 14/07/2016, Ihuriro ryakiriye ubuyobozi bwa International Institute for Democracy and Electoral Assistance (IDEA) ngo barebera hamwe umurongo w'imikoranire mu gihe kiri imbere kandi kirambye. Abamenyesha ko bumvikanye ku bufatanye impande zombi zemeje kugirana, abasaba ko basuzuma ingingo z'imikoranire zemeranyijweho kugira ngo harebwe niba inzego zombi zizungukira muri aya masezerano.